**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE**

**ICYEMEZO GICA IHAZABU N° ...099../2019/UR/UA/TGI/NYGE**
**MU RUBANZA RP 00475/2018/TGI/NYGE**

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

Umwaka wa **2019**, umunsi wa **01** w'ukwezi kwa **10;**

Twebwe UDAHEMUKA Adolphe, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, dufashijwe na UWAMWEZI Rosine, Umwanditsi muri urwo Rukiko ;

**Tumaze** kubona urubanza RP 00475/2018/TGI/NYGE ubushinjacyaha buregamo HAKIZIMANA Francois na bagenzi be rwahawe itariki yo kuburanishwa yo kuwa 01/10/2019 saa mbili (8H00), uwo munsi ugeze, ruhamagawe HAKIZIMANA Francois uregwa avuga ko avoka umwunganira ari Me NDAYAMBAJE Vreck Fiston ;

**Tumaze** kubona ko HAKIZIMANA Francois yitabye abwira Urukiko ko Avoka we Me NDAYAMBAJE Vreck Fiston bavuganye kuri telephone akamubwira ko arwaye ko ngo atari buboneke kandi HAKIZIMANA Francois akaba avuga ko ngo yamaze kumwishyura igihembo cya avoka cya 500.000frw;

**Tumaze** kubona ko Me NDAYAMBAJE Vreck Fiston nk`umunyamategeko wari uzi neza ko afite urubanza uwo yunganira akaba ariwe wafashe iya mbere yo kumwihamagarira amubaza niba aza kumwunganira akamubwira ko ataboneka ngo kuko yarwaye;

**Dusanze** kuba Me NDAYAMBAJE Vreck Fiston atigeze nibura anamenyesha Urukiko ko yagize ikibazo cy`uburwayi kugeza ubwo uwo yunganira ariwe ubwe wamwihamagariye amubaza impamvu ataje, imyitwarire ye muri uru rubanza, ikaba yafatwa nk'impamvu zo gutinza urubanza;

**Dushingiye** ku ngingo ya 18 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ku byerekeye guhana abatinza urubanza, mu gika cyayo cya kabiri aho iteganya ko ' 'Iyo gutinza urubanza ku bushake bivugwa mugika cya mbere cy`iyi ngingo bikozwe n`umwavoka cyangwa undi muntu uhagarariye umuburanyi,acibwa ihazabu mbonezamubano y`amafaranga y`u Rwanda atari munsi y`ibihumbi magana abiri (200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu(500.000);

**Dushingiye** ku ngingo ya 19 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, mu gika cyayo cya 2 aho iteganya ko 'Iyo umuburanyi yunganiwe cyangwa ahagarariwe, ihazabu ivugwa mu gika cya mbere icibwa avoka mu gihe bigaragaye ko gutinda k'urubanza ari we byaturutseho. Umwavoka wahanishijwe ihazabu mbonezamubano ntashobora kongera kuburanira mu rukiko urwo arirwo rwose, igihe cyose iyo hazabu itarishyurwa'.

**Dushingiye** kandi ku ngingo ya 19 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,mu gika cyayo cya 4 aho iteganya ko 'Icyemezo gitegeka umuburanyi,umuhagarariye cyangwa umwunganira gutanga ihazabu kubera

gutinza urubanza ni icyemezo cy`ubuyobozi.Icyo cyemezo gishobora gutakambirwa kwa perezida w`Urukiko mugihe kitarenze amasaha makumyabiri n`ane(24);icyemezo na cyo kigafatwa mugihe kitarenze amasaha makumyabiri n`ane(24) uhereye igihe cyatakambiwe'.

**DUTEGETSE** ko Me NDAYAMBAJE Vreck Fiston aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi magana abili (200.000Frw) kuko rusanga imyitwarire ye ari uburyo bwo gutinza urubanza ku bushake.

**RUTEGETSE** ko Me NDAYAMBAJE Vreck Fiston yishyura ihazabu aciwe mbere y'itariki urubanza rwimuriweho,.

**NI UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

**UDAHEMUKA Adolphe**
**Perezida w'Urukiko**

**UWAMWEZI Rosine**
**Umwanditsi w'Urukiko**